# 75: Yesu ni we Nshuti yacu

1. Yesu ni we Nshuti yacu; Ni W' utwikorerera Imibabaro n'ibyaha, Akatwuzuza na Se. Dore, tubur’amahoro,Tuyabuzwa n'ubusa, Kuko tudasaba neza Ibyo dukena byose.

2. Ni tugir' ibyago byinshi.Tugashukwa n'Umubi, Tumuganyir' amaganya,Kukw ayadukuraho. Ha'rihw indi nshuti nk'iyi Yababarana natwe ? Yes' az' intege nke zacu, Tumwisunge dusaba.

3. Niba ufit' ishavu ryinshi ukababara rwose,ubuhungiro ni Yesu: ngwino tumwihishemo. inshuti zidutaye, zikaduhemukira, Yes' adukingir' ingabo, Akaduhumuriza.

Visit us at indirimbo.com